



Ukuboza 2024

ikinyarwanda

Ashaka kubana namwe

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanjye mba ndi hagati yabo (Mt 18,20)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

„Ahh ubonye iyo nshobora kuba ndi kumwe namwe!“ – Iyo mitekerereze ikunda kutuzamo cyane cyane iyo tuzi ko abo dukunda bahari ariko twe tudashobora kuba turi kumwe na bo. Twifuzaga cyane kuba hafi y’abo dukunda no gusangira na bo ibihe byacu. Umutima wacu uba ugurumana mo icyo cyifuzo.

Icyo cyifuzo ni na cyo kiba kigurumana mu Mutima w’Imana kuri twe abantu. Imana ishaka kubana natwe iteka ryose. Kugira ngo ibi bishoboke, Imana yatanze umwanya n’igihe muri Yezu bityo yiyunga na Muntu kugeza ku mpera z’ubuzima. Yabonye inzira. „Aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanjye, mba ndi hagati yabo!“ (Mt 18,20) ni uko yabihishuriye inshuti ze. Izina rye ni: Urukundo. Aho abantu babanye mu rukundo kandi bakitangira abandi, Imana iba ihari – mu buryo bugaragara, nubwo bwose byaba bitaboneshwa amaso. Ibi umuntu abyumvira mu byishimo byimbitse ndetse no mu mahoro aba ari hagati yacu. Izi ni ingaruka nziza z’uko Imana iba iri hagati yacu. Umutima w’Imana ugurumana urukundo n’ishyamba idufitiye ryo kutwegera!

Igihe cyimwe nari mfite urugendo rujya muri Polonye ni uko ntegura utugati tune nk’impamba y’urugendo. Ku mugoroba w’uwo muni nakoze urugendo, hari hasigaye imigati ibiri. Ijwi muri njye ryambwiye ko ntakwiye kuyirya yose ahubwo ngomba kuyishyira muri firigo. Nari kumwe n’abasore n’inkumi batandatu muri urwo rugendo. Ubwo nyuma y’iminsi ibiri twafataga urugendo dusubira imuhira ariko nta byo kurya bya mu gitondo dufashe, umukobwa umwe muri abo yambwiye ko atashobora kwihanganira urugendo atabonye icyo ashya mu nda. Nishimye cyane nahise mwereka ya migati ibiri nari nashyize muri firigo yari ikimeze neza. Na we yarayakiriye ayirya ibyishimo: „Humm iracyaryoshye cyane!“

Ibyishimo bye byuzuye urukundo byatumye nanjye ntangirana urugendo umutima wishimye.

Ashaka kubana namwe!

Ku bw’itsinda go4peace-Team

Meinolf Wacker